NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw
(+250) 788383103
P.O Box: 6139 Kigali – Rwanda

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

**Kigali, Rwanda – Tariki 17 nzeri 2025**

**Ikigo cy'igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda cyashyize hanze igipimo cy'Umusaruro mbumbe w'igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2025**

Hashingiwe ku mahame mpuzamahanga, Ikigo cy'igihugu cy'ibarurishamibare mu Rwanda cyavuguruye ibipimo ngenderwaho mu kubara umusaruro mbumbe w'igihugu, hashyirwaho umwaka shingiro wa 2024 ukava kuri 2017. Ni gahunda NISR ikora buri myaka 3, ariko mu mwaka wa 2020 ntabwo yakozwe kubera icyorezo cya Covid-19.

Iki gikorwa kiba kigamije gusuzuma no gutanga ishusho nyayo y'ibyiciro n'imiterere y'ubukungu, harebwa ibyiciro bishya, ihindagurika mu mikorere, hakanakoreshwa amakuru mashya ataboneka mu gihe cy'igihembwe cyangwa cy'umwaka; aha twavuga nk'ubushakashatsi ku mibereho y'ingo mu Rwanda (EICV) cyangwa se amakuru yavuye mu ibarura rusange ry'abaturage rya 2022.

Hashingiwe kuri ayo mavugurura, umusaruro mbumbe w'igihugu wa 2024 wari miliyari 19,918 aho kuba miliyari 18,785 z'amafaranga y'u Rwanda nkuko byari byatangajwe. Ni ukuvuga ikinyuranyo cya 6%.

Imbonerahamwe igaragaza impinduka zaturutse mu guhindura umwaka shingiro ku mibare y'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu wa 2024.

| | Ibyatangajwe Mbere muri 2024 | ibyavuguruwe nyuma ya 2024 | Ijanisha ku mpinduka |
|---|---|---|---|
| **UMUSARURO MBUMBE (GDP)** | **18,785** | **19,918** | **6.0%** |
| Ubuhinzi n'ubworozi | 4,618 | 4,142 | -10.3% |
| Amabuye y'agaciro na kariyeri | 488 | 354 | -27.6% |
| Inganda zitunganya ibintu | 1,680 | 1,624 | -3.3% |
| Inganda z'amazi n' amashanyarazi | 135 | 225 | 66.4% |
| Ubwubatsi | 1,635 | 2,198 | 34.4% |
| Ubucuruzi n'ubwikorezi | 3,566 | 3,511 | -1.5% |
| Izindi serivisi | 5,366 | 6,880 | 28.2% |
| Umusoro utaziguye | 1,297 | 985 | -24.1% |

**Igipimo cy'umusaruro mbumbe w'igihembwe cya kabiri cya 2025**

Mu gihembwe cya kabiri cya 2025, umusaruro mbumbe w'igihugu (GDP), wari miliyari 5,798 z'Amafaranga y'u Rwanda. Serivisi zagize uruhare rwa 50%, ubuhinzi bugira uruhare rwa 23%, inganda zigira uruhare rwa 21%, naho ibindi bisigaye bigira uruhare rwa 5%.

Mu gihembwe cya kabiri cya 2025, umusaruro mbumbe wiyongereye ku rugero rwa 7.8%, nyuma yo kwiyongera ku rugero rwa 6.5% mu gihembwe cya mbere cya 2025.

Muri rusange, umusaruro mbumbe w'umwaka w'ingengo y'imari wa 2024/2025 wiyongereye ku rugero rwa 6.3%.

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA (NISR)

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw
(+250) 788383103
P.O Box: 6139 Kigali – Rwanda

Mu gihembwe cya 2 cya 2025, umusaruro mu byiciro by'ubukungu witwaye gutya:

- Ubuhinzi bwazamutseho 8%
- Inganda zazamutseho 7%
- Serivisi zazamutseho 9%

Mu rwego rw'ubuhinzi, umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo wazamutseho 3%. Umusaruro w'ibihingwa byoherezwa mu mahanga wazamutseho 42%, bitewe n'izamuka rya 121% ry'umusaruro wa kawa, ryaturutse ku biciro byiza ku isoko mpuzamahanga ndetse n'imbaraga zashyizwe muri gahunda yo gusimbuza ibiti bishaje bya kawa no gusazura ibihari. Ku rundi ruhande, umusaruro w'icyayi wagabanutseho 9%.

Mu rwego rw'inganda, umusaruro w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri wazamutseho 12%, umusaruro w'ibikorwa by'ubwubatsi uzamukaho 5% , mu gihe uw'inganda zitunganya ibintu bitandukanye wazamutseho 8%.

Umusaruro uva mu nganda wazamutse bitewe ahanini n'izamuka rya 10% ry'umusaruro w'inganda zitunganya ibiribwa, izamuka rya 19% ry'umusaruro w'inganda zikora ibikoresho by'ibyuma, imashini n'ibikoresho byazo, izamuka rya 24% ry'umusaruro w'inganda zikora ibinyabutabire na plastike n'izamuka rya 23% ry'umusaruro w'inganda zikora ibikoresho bitari ibyuma (cyane cyane sima). Ariko, umusaruro w'inganda zikora imyenda, inkweto n'ibikomoka ku mpu wagabanutseho 9%, naho uw'izitunganya ibinyobwa n'itabi ugabanukaho 4%.

Mu rwego rwa serivisi; umusaruro uva mu bucuruzi buranguza n'ubudandaza wazamutseho 13%, uw'ibikorwa by'ubwikorezi wazamutseho 5% harimo umusaruro w'ubwikorezi bwo mu kirere wagabanutseho 13%, mu gihe uw'ubwikorezi bwo ku butaka wazamutseho 10%. Mu zindi serivisi, umusaruro wa serivise z'amacumbi n'amarestora wagabanutseho 7%, nyuma y'uko wari wazamutseho 18% mu gihembwe nkiki cya 2024. Umusaruro wa serivisi z'imari wazamutseho 8%, uw'itumanaho n'ikoranabuhanga uzamukaho 11%, uwa serivise z'inzego za leta uzamukaho 16%, uw'uburezi uzamukaho 5%, naho uw'ibikorwa by'ubuvuzi uzamukaho 10%.

Ku bindi bisobanuro birambuye, mwasura urubuga : www.statistics.gov.rw

**MURENZI Ivan**
Umuyobozi Mukuru

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA (NISR)